**GUTANGA UBURENGANZIRA KU MUSHAHARA/ AMAFARANGA YO KWITA KU KINYABIZIGA, IMPEREKEZA N'AMAFARANGA Y'IZABUKURU**

Aya masezerano ashyizweho umukono ku wa ……………….. hagati ya:

1. **………………………..** ufite ubwenegihugu nyarwanda, indangamuntu nimero …………………… yatangiwe …………………..; mu ngingo zikurikira witwa « Umukozi »;

2. **………………………,** Aderesi **……………………..**; mu ngingo zikurikira yitwa « Umukoresha»;

3. **Guaranty Trust Bank (Rwanda) Plc,** P.O. Box 331 Kigali-Rwanda; mu ngingo zikurikira yitwa « Banki ».

Mu ngingo zikurikira, impande zombi zitwa "Impande zigiranye amasezerano", mu gihe uruhande rumwe rwita "Uruhande rugiranye n'izindi amasezerano".

Impande zigiranye amasezerano zumvikanye ibi bikurikira:

1. Hashingiwe ku nshingano **…………………….** afite cyangwa ashobora kugira aho yaba asabwa guha ubwishyu Guaranty Trust Bank (Rwanda) plc, Umukozi yiyemeje ku buryo budasubirwaho guha GTBank uburenganzira ku mushahara we, ku mafaranga ahabwa yo kwita ku kinyabiziga, ku mperekeza ze no ku mafaranga y'izabukuru. Kubera izo mpamvu, umukozi ahaye amabwiriza Umukoresha we kuzajya ashyira umushahara we wa buri kwezi kuri konti nimero **……………………..** iri muri Guaranty Trust Bank (Rwanda) plc. Ntiyemerewe kugira icyo ahindura kuri konti, cyeretse abimenyesheje banki mu nyandiko.

2. Umukozi yiyemeje gukomeza kubahiriza ayo mabwiriza mu gihe cyose inguzanyo izamara nk'uko byumvikanyweho hagati ye na Banki. Umukoresha yiyemeje kubahiriza no gushyira mu bikorwa amabwiriza ahawe n'umukozi kandi ntashobora kwemera amabwiriza mashya keretse igihe ahawe inyandiko igaragaza ko ayo mabwiriza yemewe na Banki.

3. Iyo umukozi ahagaritse akazi, umukoresha yemeye ko azashyira amafaranga y'imperekeza n'ahabwa ugiye mu zabukuru kuri konti numero **……………………** iri muri Guaranty Trust Bank (Rwanda) plc kugira ngo hishyurwe ibirarane byose ku nguzanyo, hubahirizwa ibyo amategeko yemera ko umukozi akatwa.

4. Iyo amasezerano y'akazi asheshwe ku mpamvu iyo ari yo yose, umukoresha agomba guhita abimenyesha Banki kuri Imeyiri: info@gtbank.com, communicationsrw@gtbank.com kandi akabimenyesha mu nyandiko yohereza ku cyicaro cya Banki kiri mu igorofa ryo hasi no mu igorofa rya mbere, mu nzu ya MIC, KN 2 Avenue, 1370, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Agasanduku k'iposita: 331, Kigali, Rwanda mu minsi itanu (5) ikurikira iseswa ry'amasezerano y'akazi.

5. Umukozi yiyemeje ku buryo budasubirwaho kumenyekanisha aderesi y'umukoresha we mushya, harimo na nimero ya telefoni, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi wo gusesa amasezerano ye n'umukoresha. Kutubahiriza iyi nshingano bifatwa nko kutubahiriza amasezerano y'inguzanyo, kandi banki mu bushishozi bwayo ishobora gufata icyemezo cyo gusesa amasezerano y'inguzanyo ikimara kumenya ko atamenyekanishije aderesi y'umukoresha mushya.

6. Umukozi yemeye gusaba umukoresha we mushya kujya yohereza umushahara we, imperekeza n'amafaranga ye y'iza bukuru kuri konti ye nimero **…………………..** iri muri Guaranty Trust Bank (Rwanda) plc. Kubera iyo mpamvu, umukozi ahaye Banki uburenganzira busesuye bwo kumenyesha umukoresha we mushya itangwa ry'umushahara we, imperekeza n'amafaranga ye y'iza zabukuru.

7. Aya masezerano akurikiza amategeko y'u Rwanda, kandi impaka zose zizayakomokaho nizidakemuka mu bwumvikane bw'impande zombi, haziyambazwa inkiko z'i Kigali, Rwanda, zibifitiye ububasha.

**Mu izina no mu mwanya wa Guaranty Trust Bank (Rwanda) plc**

**Umukozi**

**………………………..**

**Umukoresha**

**……………………………….**